

IKINYARWANDA

Itariki : 12/06/2023

Isaha : saa munani-saa kumi
n'imwe(14h00-17h00)



IBIZAMINI BISOZA IGIHEMBWE CYA 3

IKICIRO:
UMWAKA WA:

RUSANGE CY'AMASHURI YISUMBUYE
KABIRI (S2)

IGIHE KIMARA:

amasaha 3

AMANOTA:

..... /100

AMABWIRIZA

1. Ntufungure iyi kayi y'ibibazo by'ikizamini utabiherewe uburenganzira.
2. Ikizamini kigizwe n'ibibazo 20. Mbere yo gutangira banza ugenzure niba ibyo bibazo byuzuye.
3. Ikizamini kigizwe n'ibice bine:
 - **Igice cya mbere:** Kumva no gusesengura umwandiko (amanota 25)
 - **Igice cya kabiri:** Ikibonezamvugo (amanota 25)
 - **Igice cya gatatu :** Ubumenyi rusange bw'ururimi (amanota 25)
 - **Igice cya kane :** Ihinamwandiko n'ihangamwandiko (amanota 25)
4. Ibisubizo bigomba kuba bifututse kandi byuzuye.
5. Gusiribanga, guhindagura no guhuza ibisubizo na mugenzi wawe bifatwa nko gukopera cyangwa gukopezwa.
6. Koresha ikaramu y'ubururu gusa.

URUMURI N'UMWIJIMA

Umunsi umwe, izuba ryahuye n'umwijima riti: “Mbese nkawe uba ushaka iki mu gihugu, ntuzi ko abantu bose bakwanga, ibintu byose bikugaya? Impamvu wibonekeza uyikura kuki, wahura n'izuba nturive imbere? Ibintu byose ni ge byifuza ni ge bicikira, ni ge bikunda. Ndatunguka byose bikampa impundu. Inka zikahuka, umugenzi agafata inzira, umuhinzi akajya mu murima, inyoni zikabyuka. Nkawe se weguye ujya he.” Umwijima uti: “Shyuu! Ibyo uvuze Zuba ubitewe n'iki? Ugize ngo uranduta kandi ari ge waguhaye izina? Iyo ntaba umwijima ni nde wari kumenya ko uri izuba? Ukwikuza kwawe ni ko kwaguhimbiye ikinyoma ngo ukundwa n'ibintu byose! Ngewe ndakwanga nanga abikuza kandi n'ibintu byose birakwanga kubera icyokere cyawe cyabimaze kibibabura. Uretse n'ibyo nta kintu kigukunda wampaho umugabo. Niba utanyuzwe tuge kureba ikidukiranura umva ko wikuza ngo uranduta, undutisha iki? Ko ushaka abagenzi ntabaho bacyurwa na nde mu icumbi, abahinzi baruhuka gihe ki? Si ge ubacanira indaro ngahemba abakozi kandi nkabaruhurira bakaryama? Ngaho tugende turebe icyatumara impaka.”

Biragenda, umwijima ubona impyisi, ubwira izuba uti: “Ndaguha abagabo batatu, uwo mu nyamaswa ni uyu.” Hasigaye uwo mu nyoni no mu bantu. Cyo wa mpyisi we ntubere, niba ukunda izuba bivuge, niba kandi ari ge ukunda bivuge. Impyisi iti: “Ge nikundira umwijima.” Umwijima uti: “ntakubwira Zuba ko ukwikuza kwawe kwaguhimbiye ibinyoma!” Uwo ni uwa mbere!” Izuba riti: “Va aho, nta rubanza rwo gucibwa n'impyisi.” Biragenda bisanga igihunyira. Umwijima uti: “Cyo nawe nyoni dukize kandi imanza zacu ntiziruhije, ni ukwihitiramo. Ari izuba, ari ge ukunda ikihe.” Igihunyira kiti: “Reka nari mfite amaso meza, ubwo mureba yahindutse imituku ni izuba ryarashemo impiru, iyo ntakugira riba ryarampuhuye.” Umwijima uti: “Ntiwumva kwikuza kubi! Hoshi tugende tuge kubaza abantu noneho ugende ubwerabwera.” Biragenda bihura n'umujura butwi, bimubajije ati: “Izuba ni umwanzi wange, ndubaka rigasenya. Naho wowe, ngukundira ko ntunga ngatunganirwa.” Umwijima uti: “Ahoo! Sinakubwiye ko nta mukunzi ugira, ari wowe ubwawe wikunda ukikuza. Reba rero aho amaboko make aterera imico myiza, none mba nkwiwunnye. Shyuu, ukava iwanyu mu ijuru ukaza kunyirataho.” Izuba

riracemererwa. Risaba umwijima ko bisibira kabiri bikongera gushaka abahamya urusha undi akamaro.

Izuba rigeze mu rugo riratekereza risanga nta kwiherera ikibazo rifite. Ryigira inama yo kureba abo rigisha inama. Ni ko kugenda kibuno mpa amaguru, rijya kureba agacurama. Rigatekerereza ukuntu ryaburanye n'umwijima urubanza rukabura gica. Bakwitabaza abagabo, abaje bose bakabogamira ku mwijima. None rikaba rikaba rigiye gutsindwa kandi riri mu kuri. Agacurama kamaze kubyumva, ni ko kuribwira kati: "Umwijima waguhenze ubwenge, abagabo waguha ni inshuti zawo gusa, genda wange abo bagabo uguhe abandi. Nukumpaho umugabo mu nyoni ntuzange, kuko nguruka; nukumpaho umugabo wo mu nyamaswa urashime, kuko nonso abana nka zo. Umugabo wo mu bantu ushime umukannyi ubarira impu n'inkanda, ni we wanga umwijima."

Izuba riragaruka ribwira umwijima riti: "Abagabo wampaye ndabanze ahubwo mpa abandi. Nuramuka wanze ntunsindira aha tuzagera ku Mana." Umwijima uti: "Hoshi dusange Imana idukize nta bandi bagabo nguhaye." Biragenda no ku Mana, birapfukama biraramya biti: "Nyagasani dukiranure, utubwire urusha undi akamaro." Imana iti: "Mwembi mugira akamaro, nta kitagira akamaro ndema! Ubwiza bw'umubiri bugaragazwa n'izuba, ariko umutima witonda ukagaragazwa n'umwijima. Ni cyo gituma barata ubwiza ku manywa, mu ijoro bagakora bupyisi; bakaba inyamaswa mu zindi. Nimugende muturane kandi nimugirirana izima uzashobora kwimura undi azamwimure, nabinanirwa muzabane." Izuba rikura ubwatsi, rihera ko rishaka kwirukana umwijima. Umwijima uhungira muni. Izuba rituma ku muriro ngo uge urifasha kwirukana umwijima. Kuva icyo gihe kugeza ubu umwijima uhunga urumuri. Aho urumuri ruje umwijima ukahava.

IGICE CYA MBERE: KUMVA NO GUSESENGURA UMWANDIKO (amanota 25)

1) Hitamo igisubizo cy'ukuri ugendeye ku mwandiko.

(amanota 4)

(A) Uyu mwandiko ni bwoko ki ?

(a) Umwandiko ntekerezo

(b) Umugani muremure

(c) Umwandiko mvugo shusho

(B) Ni ikihe kibazo cyari gihari ?

(a) Kumenya ikirusha ikindi akamaro hagati y'izuba n'umwijima mu buzima bwacu.

(b) Kumenya akamaro izuba rifitiye abantu mu buzima bwa buri muni.

(c) Kumenya umumaro umwijima ufitiye abantu mu buzima bwa buri muni.

(C) Ikibazo cyari hagati ya ba nde ?

(a) Urumuri n'umucyo

(b) Urumuri n'umwijima

(c) Izuba n'umwijima

(D) Ni nde wakemuye ikibazo cyari gihari ?

(a) Abagabo batanzwe

(b) Imana

(c) Agacurama

2) Emeza cyangwa uhakane ukoresheje «**Ni byo**» cyangwa «**Si byo**». **(amanota 4)**

(a) Impyisi iri mu bagabo batanzwe n'izuba.

(b) Umwijima ni wo wagaragaje kwikuza.

(c) Umwe mu mimaro y'izuba ni uko utuma inka zahuka.

(d) Agacurama kahisemo gushyigikira izuba.

3) Erekana impamvu agacurama kabariwa mu nyoni no mu nyamaswa icyarimwe.

(amanota 2)

4) Garagaza abagabo umwijima watanze bo kwemeza ko izuba ryanze.

(amanota 3)

5) Uzurisha amagambo ukuye mu mwandiko :

(amanota 5)

(a) Mbere yo kwambara uruhu barushyiraga akarutunganya.

(b) Abantu benshi batinye kuko bavugaga ko gikungura.

(c) Gahigi ni ashobora no kugutwara icyo uryamyehe usinziriyeho.

(d) Aramubwira ati : « Nkurikije ibyo wankoreye ni uko nkugiriyeho imbabazi naho ubundi mba »

(e) Aramusubiza ati : « Ibeshye se ubikore urebe ko utagenda wabuze aho ukwirwa ! »

6) Ni irihe somo ukuye muri uyu mwandiko.

(amanota 2)

7) Andika amagambo ahuje ibisobanuro n'aya dusanga mu mwandiko: **(amanota 5)**

- (a) bibererekera :
- (b) ukwishyira hejuru :
- (c) agati gateye nk'agahiri :
- (d) rirumirwa:
- (e) nimukomeza kunangira :

IGICE CYA KABIRI: IKIBONEZAMVUGO (amanota 25)

- 8) Wifashishije ngenga wahawe tondagura inshinga ziri mu dukubo mu gihe wahawe. **(amanota 4)**
- (a) Inyamaswa (**gukurura indagihe y'ubusanzwe**) ba mukerarugendo.
 - (b) Ngenga ya mbere y'ubwinshi (**gutera** impitakera y'igikomezo) ibiti mu itumba.
 - (c) Isuri (**gukumba** inzagihe) ubutaka nitutayikumira.
 - (d) (ngenga ya 2 y'ubumwe **kubakira** impitakera) ababyeyi inzu ya kiyambere.
- 9) Garagaza ibicumbi by'amagambo yanditse atsindagiye mu nteruro zikurikira: **(amanota 6)**
- (a) **Kubaho** no **gupfa** ni **inzira** buri wese agomba **gucamo**.
 - (b) **Izo** mboga n'imbuta biri mu bigize **indyo** yuzuye.
- 10) Wifashishije amagambo wahawe, tanga amazina ayakomokaho ukurikije inzira wahawe. **(amanota 4)**
- (a) izuba (ikomorazina rishingiye ku isubiramo ry'igicumbi)
 - (b) umworo (ikomorazina rishingiye ku nteko)
 - (c) ihene (ikomorazina rishingiye ku kabimbura)
 - (d) umwami (ikomorazina rishingiye ku musuma)
- 11) Subiza ukoresheje « **Ni byo** » cyangwa « **Si byo** » ugendeye ku bwoko bw'amagambo atsindagiye : **(amanota 5)**
- (a) **Uwo** mpamagara ahaguruke hanyuma asohoke. Ikinyazina mbanziriza
 - (b) Gatanazi **ntazi** gusoma no kwandika. Imbundo
 - (c) **Icyo** gihe izuba ryarimo rirenga. Ingirwanshinga
 - (d) **Undi** naze yisobanure. Ikinyazina ndafutura.
 - (e) Kumenya gusoma **no** kwandika ni inkingi y'iterambere. Icyungo
- 12) Hitamo igisubizo cy'ukuri ugendeye ku turemajambo tw'amagambo atsindagiye: **(amanota 6)**
- Ku ngoma **ya** Cyilima Rugwe, hadutse umugabo w'**indwanyi** witwa Murinda. **Yabanje** kwigarurira ututere **twinshi** ku buryo byatumye Rugwe ahunga.

Ntibyakomeje kuko umuhungu we Mukobanya **yishe** Murinda ntiyagirira **impuhwe** n'umuhungu we.

(A)ya

- (a) ya : a-a
- (b) ya : i-a
- (c) ya : ya-ø

(B)indwanyi

- (a) indwanyi : i-n-rwan-yi
- (b) indwanyi : i-n-dwan-yi
- (c) indwanyi : i-n-rwany-i

(C)yabanje

- (a) yabanje: ya-ø-banz-ye
- (b) yabanje: a-a-banj-ye
- (c) yabanje: a-a-banz-ye

(D)twinsi

- (a) twinsi: tu-inshi
- (b) twinsi: tw-inshi
- (c) twinsi: tu-insh-i

(E)yishe

- (a) yishe : a-a-ic-ye
- (b) yishe : a-ø-ic-ye
- (c) yishe : i-ø-ic-ye

(F)impuhwe

- (a) impuhwe: i-n-puhwe
- (b) impuhwe: i-ø-huhwe
- (c) impuhwe: i-n-huhwe

IGICE CYA GATATU: UBUMENYI RUSANGE BW'URURIMI (amanota 25)

- 13) Uzurisha ijambo rikwiye ukurikije ubumenyi ufite kuri izi nyunguramagambo:
imbusane, impuzanyito, imvugwakimwe, impuzashusho, ingwizanyito.

(amanota 5)

- (a) guhanura (imbuto), guhanura (kugira inama) ni
- (b) kunangira , kwisubiraho ni
- (c) umwarimu,umurezi ni
- (d) imbata (itungo ryo mu rugo), imbata (uwatwawe n'ingeso mbi) ni.....
- (e) kwandura (indwara), kwandura (k'umwambaro) ni
- 14) Huza interuro zikurikira n'umugani w'umugenurano wahuza n'ibivugwamo.

(amanota 5)

Interuro

- (a)Iminsi uyiteganyiriza hakiri kare, ukubishoboye, ibintu wazigamye bikazagutunga utakishoboye.
- (b)Ntawukwiye kwishimira ibyago by'undi naho yaba ari umwanzi we kuko na we bishobora kumugeraho.
- (c)Ubwuzu n'ubuntu bw'umuntu ugukunda bumugaragaraho ukimubona.
- (d)Umurimo udakora wibwira ko woroshye, ukagaya abawukora ngo nta cyo bamaze kandi ubakomereye.
- (e)Umuntu usuzugura iby'abandi basubije mu ishuri akumva ko ibye ari byo bizima ko nta wundi wagira icyo asubiza.

Umugenurano

- (i) Ubwenge bw'umwe burayobera.
- (ii) Utabusya abwita ubumera.
- (iii) Inkoni ikubise mukeba uyirenza urugo.
- (iv) Akuzuye umutima gasesekara ku munwa.
- (v) Akabando k'iminsi gacibwa kare kakabikwa kure.

- 15) Uzurisha inshoberemahanga ikwiye ukurikije invugiro y'interuro. **(amanota 4)**

- (a) Mu gitaramo umuntu urakazwa n'ubusa bavuga ko
- (b) Kubera umunaniro abanyeshuri mu ishuri mwarimu abasaba kujya gukaraba mu maso ngo ibitotsi bishire.
- (c) Yirutse amasigamana yikubita hasi
- (d) kuko yikubise hasi akagwira ibuye.

- 16) Uzurisha amagambo yabugenewe.

(amanota 3)

- (a) Itsinda ry'inyoni nyinshi bavuga ko ari
- (b) Impongo ntabwo ivuga ahubwo
- (c) Inkoko, inkwavu zitaha mu

- 17) Emeza cyangwa uhakane ukoresheje “**Yego**” cyangwa “**Oya**” mu birebana n'imivugo.

(amanota 4)

- (a) Akabangutso kamwe kaba gafite uburebure bungana n'umugemo udatinda.
- (b) Umugemo utinda na wo ubarwamo akabangutso kamwe.

- (c) Inyajwi ebyiri zikurikiranye mu mukarago, imwe isoza ijambo indi ikaritangira zibarwa nk'akabangutso kamwe.
- (d) Inyajwi itangira umukarago irabarwa iyo babara utubangutso.
- 18) Tandukanya amagambo yandikwa atya ukoresheje ubutinde bw'imigemo n'amasaku kandi ugabanya ibimenyetso. **(amanota 4)**
- (a) igihanga (ahavuye iryinyo) $\neq$ (igice cy'umutwe)
- (b) amashoka (y'inka) $\neq$ (intorezo)

IGICE CYA KANE: IHINAMWANDIKO N'IHANGAMWANDIKO (amanota 25)

- 19) Hina uyu mwandiko **“Urumuri n’umwijima”** mu mirongo icumi wubahiriza amabwiriza y'ihinamwandiko. **(amanota 10)**
- 20) Andika inkuru wihimbiye ushishikariza abantu gukoresha ikoranabuhanga mu buryo bunoze werekane n'ingaruka zo kurikoresha mu buryo butanoze. Iyo nkuru ntige munsu y'imirongo 20. **(amanota 15)**

.....**IHEREZO**.....



IKINYARWANDA UMWAKA WA KABIRI W'AMASHURI YISUMBUYE

IMBONERA Y'IKOSORA

IGICE CYA MBERE: KUMVA NO GUSESENGURA UMWANDIKO (amanota 25)

- 1) Guhitamo igisubizo cy'ukuri ugendeye ku mwandiko. (amanota 4)
 - (A)Uyu mwandiko ni bwoko ki ?
 - (b)Umugani muremure (1)
 - (B)Ni ikihe kibazo cyari gihari ?
 - (a) Kumenya ikirusha ikindi akamaro hagati y'izuba n'umwijima mu buzima bwacu. (1)
 - (C)Ikibazo cyari hagati ya ba nde ?
 - (c)Izuba n'umwijima (1)
 - (D)Ni nde wakemuye ikibazo cyari gihari ?
 - (b)Imana (1)
- 2) Kwemeza cyangwa guhakana ukoresheje «Ni byo» cyangwa «Si byo». (amanota 4)
 - (a) Impyisi iri mu bagabo batanzwe n'izuba. Si byo (1)
 - (b) Umwijima ni wo wagaragaje kwikuza. Si byo (1)
 - (c) Umwe mu mimaro y'izuba ni uko utuma inka zahuka. Ni byo (1)
 - (d) Agacurama kahisemo gushyigikira izuba. Ni byo (1)
- 3) Impamvu agacurama kabariwa mu nyoni no mu nyamaswa icyarimwe ni uko kaguruka (1) kandi kakaba konsa. (1) (amanota 2)
- 4) Abagabo batanzwe n'umwijima ni: Impyisi (1), igihunyira, (1) umujura (1) (amanota 3)
- 5) Kuzurisha amagambo ukuye mu mwandiko: (amanota 5)
 - (a) Mbere yo kwambara uruhu barushyiraga umukannyi (1) akarutunganya.
 - (b) Abantu benshi batinya igihunyira (1) kuko bavuga ko gikungura.
 - (c) Gahigi ni umujura butwi (1) ashobora no kugutwara icyo uryamyeho usinziriye.

- (d) Aramubwira ati : « Nkurikije ibyo wankoreye ni uko nkugiriye imbabazi naho ubundi mba **nkwivunnye (1).** »
- (e) Aramusubiza ati : « Ibeshye se ubikore urebe ko utagenda **ubwerabwera (1)** wabuze aho ukwirwa ! »
- 6) Isomo ni ukureka kwirata **(1)** kuko ibintu byose Imana yaremeye bifite akamaro. **(1)**
(amanota 2)
- 7) Andika amagambo ahuje ibisobanuro n'aya dusanga mu mwandiko: **(amanota 5)**
- (a) bibererekera: bicikira **(1)**
- (b) ukwishyira hejuru: ukwikuza **(1)**
- (c) agati gateye nk'agahiri: impiru **(1)**
- (d) rirumirwa: riracemererwa **(1)**
- (e) nimukomeza kunangira: nimugirirana izima **(1)**

IGICE CYA KABIRI: IKIBONEZAMVUGO (amanota 25)

- 8) Gutondagura inshinga ziri mu dukubo mu gihe wahawe **(amanota 4)**
- (a) Inyamaswa **zikurura(1)** ba mukerarugendo.
- (b) **Twateraga (1)** ibiti mu itumba.
- (c) Isuri **izakukumba (1)** ubutaka nitutayikumira.
- (d) **Wubakiye (1)** ababyeyi inzu ya kijyambere.
- 9) Ibicumbi by'amagambo: **(amanota 6)**
- (a) **kubaho: -ba- (1) gupfa: pfu- (1) inzira: yira (1) gucamo: -ci- (1)**
- (b) **Izo: -o (1) indyo: -ri- (1)**
- 10) Gutanga amazina ayakomokaho ukurikije inzira wahawe. **(amanota 4)**
- (a) ikizubazuba **(1)**
- (b) ubworo **(1)**
- (c) Sehehe **(1)**
- (d) umwamikazi
- 11) Gusubiza ukoresheje « **Ni byo** » cyangwa « **Si byo** » ugendeye ku bwoko bw'amagambo atsindagiye : **(amanota 5)**
- (a) Uwo mpamagara ahaguruke hanyuma asohoke. Ikinyazina mbanziriza Ni byo **(1)**
- (b) Gatanazi **ntazi** gusoma no kwandika. Imbundo Si byo **(1)**
- (c) **Icyo** gihe izuba ryarimo rirenga. Ingirwanshinga Si byo **(1)**
- (d) **Udi** naze yisobanure. Ikinyazina ndafutura. Ni byo **(1)**
- (e) Kumenya gusoma **no** kwandika ni inkingi y'iterambere. Icyungo Ni byo
- 12) Guhitamo igisubizo cy'ukuri ugendeye ku turemajambo tw'amagambo atsindagiye: **(amanota 6)**
- (A)ya**
- (b)ya : i-a **(1)**
- (B)indwanyi**

(a) indwanyi : i-n-rwan-yi(1)

(C)yabanje

(c)yabanje: a-a-banz-ye (1)

twinshi

(a) twinshi: tu-inshi (1)

(D)yishe

(a) **yishe** : a-a-ic-ye (1)

(E)impuhwe

(c)impuhwe: i-n-huhwe (1)

IGICE CYA GATATU: UBUMENYI RUSANGE BW'URURIMI (amanota 25)

- 13) Kuzurisha ijambo rikwiye ukurikije ubumenyi ufite kuri izi nyunguramagambo:
imbusane, impuzanyito, imvugwakimwe, impuzashusho, ingwizanyito (amanota 5)
- (a) guhanura (imbuto), guhanura (kugira inama) ni **impuzashusho. (1)**
- (b) kunangira , kwisubiraho ni **imbusane. (1)**
- (c) umwarimu,umurezi ni **impuzanyito. (1)**
- (d) imbata (itungo ryo mu rugo), imbata (uwatwawe n'ingeso mbi) ni **imvugwakimwe. (1)**
- (e) kwandura (indwara), kwandura (k'umwambaro) ni **ingwizanyito. (1)**
- 14) Guhuza interuro zikurikira n'umugani w'umugenurano wahuza n'ibivugwamo.
(amanota 5)

Interuro

- (a)Iminsi uyiteganyiriza hakiri kare, ukibishoboye, ibintu wazigamye bikazagutunga utakishoboye.
- (b)Ntawukwiye kwishimira ibyago by'undi naho yaba ari umwanzi we kuko na we bishobora kumugeraho.
- (c)Ubwuzu n'ubuntu bw'umuntu ugukunda bumugaragaraho ukimubona.
- (d)Umurimo udakora wibwira ko woroshye, ukagaya abawukora ngo nta cyo bamaze kandi ubakomereye.
- (e)Umuntu usuzugura iby'abandi basubije mu ishuri akumva ko ibye ari byo bizima ko nta wundi wagira icyo asubiza.

Umugenurano

- (i) Ubwenge bw'umwe burayobera.
- (ii) Utabusya abwita ubumera.
- (iii) Inkoni ikubise mukeba uyirenza urugo.
- (iv) Akuzuye umutima gasesekara ku munwa.
- (v) Akabando k'iminsi gacibwa kare kakabikwa kure.

- 15) Kuzurisha inshoberemahanga ikwiye ukurikije imvugiro y'interuro. **(amanota 4)**
- (a) Mu gitaramo umuntu urakazwa n'ubusa bavuga ko **avoma hafi. (1)**
- (b) Kubera umunaniro abanyeshuri **baturaga ibishyito (1)** mu ishuri mwarimu abasaba kujya gukaraba mu maso ngo ibitotsi bishire.

- (c) Yirutse amasigamana yikubita hasi **aca amano (1)**.
 (d) **Aratera isekuru (1)** kuko yikubise hasi agwira ibuye.
- 16) Kuzurisha amagambo yabugenewe. **(amanota 3)**
 (a) Itsinda ry'inyoni nyinshi bavuga ko ari **uruhuri. (1)**
 (b) Impongo ntabwo ivuga ahubwo **irakorora. (1)**
 (c) Inkoko, inkwavu zitaha mu **kibuti. (1)**
- 17) Kwemeza cyangwa guhakana ukoresheje **“Yego”** cyangwa **“Oya”** mu birebana n'imivugo. **(amanota 4)**
 (a) Akabangutso kamwe kaba gafite uburebure bungana n'umugemo umwe. **Yego (1)**
 (b) Umugemo utinda na wo ubarwamo akabangutso kamwe. **Oya (1)**
 (c) Inyajwi ebyiri zikurikiranye mu mukarago, imwe isoza ijamba indi ikaritangira zibarwa nk'akabangutso kamwe. **Yego (1)**
 (d) Inyajwi itangira umukarago irabarwa iyo babara utubangutso. **Oya (1)**
- 18) Gutandukanya amagambo yandikwa atya ukoresheje ubutinde bw'imigemo n'amasaku kandi ugabanya ibimenyetso. **(amanota 4)**
 (a) igihaanga **(1)** ≠ igihâanga **(1)**
 (b) amashooka **(1)** ≠ amashôokâ **(1)**

IGICE CYA KANE: IHINAMWANDIKO N'IHANGAMWANDIKO (amanota 25)

- 19) Guhina umwandiko **“Urumuri n'umwijima”** mu mirongo icumi wubahiriza amabwiriza y'ihinamwandiko. **(amanota 10)**

Guhina umwandiko **“Urumuri n'umwijima”** mu mirongo icumi **(amanota 10)**

IMISUSIRE: (amanota 4)

- Uburebure **(1)**
- Isuku n'imigaragarire **(1)**
- Inozamvugo **(1)**
- Imyandikire **(1)** amakosa abiri y'imyandikire yakoze atakaza **(0.5)**

INGINGO: Ingingo nibura 3 z'ingenzi (amanota 6)

- Impaka hagati y'izuba n'umwijima;
- Izuba n'umwijima bibaza abahamya;
- Izuba n'umwijima byiyambaza Imana.

Buri ngingo ihinnye mu magambo yumvikana ihabwa **amanota abiri(amanota 2)**

- 20) Andika inkuru wihimbiye ushishikariza abantu gukoresha ikoranabuhanga mu buryo bunoze werekane n'ingaruka zo kurikoresha mu buryo butanoze. Iyo nkuru ntige munsu y'imirongo 20. **(amanota 15)**

Ibyitabwaho mu gukosora inkuru:(amanota 15)

- **A. Imisusire: (amanota 7)**
- Imbata **(amanota 2)**

- Uburebure **(inota1)**
- Isuku n'imigaragarire **(inota1)**
- Inozamvugo **(inota1)**
- Imyandikire **(amanota 2)**

B. Urukurikirane rw'ibitekerezo (amanota 2)

- Intangiriro ikoze neza igaragaramo umubarankuru **(inota1)**
- Umusozo **(inota1)**

C. Ingingo (amanota 6)

- **Ingingo nibura 3 zisobanuye**

Buri ngingo isobanuye ihabwa inota 1 n'igisobanuro kigahabwa inota1
Urugero rw'ingingo umunyeshuri yatanga:

(a) Uburyo bunoze bwo gukoresha ikoranabuhanga:

- Mu bushakashatsi;
- Mu buhanzi;
- Mu buvuzi;
- Mu itumanaho, ...

(b) Uburyo butanoze bwo gukoresha ikoranabuhanga:

- Kurikoresha biba;
- kurikoresha bagambanira igihugu;
- Kurikoresha bahohotera abandi, ...